# Bibiliya y'abana irerekana

# Pasika ya mbere



yanditswe na: Edward Hughes

yashushanyijwe na: Janie Forest;
Alastair Paterson

yahujwe na: Lyn Doerksen

yahinduwe na: Elizabeth Johnson

yasohowe na: Bible for Children
www.M1914.org


©2020 Bible for Children, Inc.
Ufite uruhusa rwo gucapa no gukora kopi y'iyi
nkuru igihe cyose utagamije kugurisha.

Umugore yari ahagaze ku musozi, amaso ye yari ababaye areba hejuru ibyarimo kuhabera bibabaje. Umwana we yararimo gupfa.




Uwo mubyeyi yari Mariya, yari ahagaze iruhande rw'aho Yesu yarabambwe ku musaraba.





Ibi byabaye gute? Ni gute byashobotse ko ubuzima bwiza bwa Yesu burangira nabi kariya kageni?



Ni gute Imana yaretse umwana wayo abambwa ku musaraba hariya? Yesu hari ikosa yakoze? Imana yaraneshejwe?



Imana ntiyaneshejwe. Yesu nta kosa yakoze. Kuva kera kose Yesu yari azi ko azicwa n'abantu bafite umutima mubi.



N'igihe yari umwana, umusaza witwaga Simeyoni yari yarabwiye Mariya ko hari umubabaro ubategereje.



Mbere
gato yuko
Yesu yicwa,
umugore yaraje
amusukaho umubavu
uhumura ku birenge.



Abigishwa baritototomba bati, "arimo gupfusha amafaranga ubusa."



Yesu aravuga
ati, "akoze
akazi keza, yabikoreye
umunsi nzahambwa."
Mbega amagambo adasanzwe.

Nyuma y'ibi, Yuda,
umwe mu bigishwa
cumi na babiri
ba Yesu, ...




... yemera gutanga Yesu ku mukuru w'abahereza bitambo ku biceri 30 by'amadenariyo.






Ku munsi mukuru wa Pasika y'abayahudi, Yesu asangira ifunguro rye rya nyuma n'abigishwa be. Ababwira ibintu byiza byerekeye Imana n'iseze-rano ryayo ku bayikunda.


Yesu abaha umugati n'igikombe cya divayi ngo basangire.





Ibyo byari ukubibutsa ko umubiri n'amaraso bya Yesu byatanzwe ngo haboneke imbabazi z'ibyaha.

Maze yesu abwira inshuti
ze ko azagambanirwa maze
bagahunga.  Petero yemeza agira
ati, "Sinzahunga."  Yesu aramubwira
ati, "mbere
yuko inkoko
ibika uzaba
unyihakanye
gatatu."





Bwije muri iryo joro, Yesu ajya gusenga mu murima wa Getsimani. Abigishwa bari kumwe nawe barasinzira.



Yesu arasenga ati, "Data, reka iki gikombe kinyure kure yanjye. Ntibibe uko nshaka, ahubwo bibe uko ushaka."

Ako kanya, ikivunge cy'abantu kiyobowe na Yuda kiza kigenda mu murima. Yesu ntiyigeze arwana, ariko Petero akata ugutwi k'umugabo.



Yitonze, Yesu akora ku
gutwi k'umugabo aragukiza.
Yesu yarazi ko gufatwa
kwe byari
mu gushaka
kw'Imana.



Ikivunge kijyana Yesu mu nzu y'umuherezabitambo mukuru. Ahongaho, abayobozi b'abayahudi bavuga ko Yesu akwiye gupfa.




Hafi aho, Petero yari ahagaze iruhande rw'umuriro w'abaja areba. Abantu bareba Petero inshuro eshatu bamubwira bati, "Wari uri kumwe na Yesu!"



Inshuro eshatu Petero arabihakana, neza nk'uko Yesu yari yamubwiye aza kubigenza. Petero aramuvuma, arahira.



# Kokoli ko



Ako kanya inkoko irabika. Yari nk'ijwi ry'Imana kuri Petero. Yibuka amagambo ya Yesu, Petero ararira cyane.



Yuda nawe yarababaye. Yari aziko Yesu nta gicumuro cyangwa ikintu kibi nakimwe yakoze.



Yuda asubiza ibiceri 30 by'amadenariyo abaherezabitambo bakuru ariko barabyanga.



Yuda ajugunya amafaranga hasi, arasohoka arimanika.





Abaherezabitambo bakuru bajyana Yesu kwa Pilato, Umutegetsi w'Abaroma.


Pilato aravuga ati,
"Nta cyaha mbonye
kuri uyu mugabo."


Ariko imbaga y'abantu
ikomeza gusakuza,
"Mubambe!
Mubambe!"

Iherezo, Pilato arananirwa, maze atanga Yesu ngo apfe ku musaraba. Abasirikare bapfumura Yesu, bamucira mu maso barana mukubita.







Baboha
ikizingo cy'amahwa
akomeye maremare
bakimutsindagira ku
mutwe. Bamupfumuza
imisumari kugiti
cy'umusaraba
ngo apfe.



Kuva kera Yesu yari aziko azapfa urupfu rumeze gutyo, Yarazi kandi ko urupfu rwe ruzazanira imbabazi z'ibyaha abantu bose bamwizera.



Abagome babiri bari bababambwe iruhande rwa Yesu. Umwe yizeye Yesu maze ajya muri Paradizo. Undi ntiyizeye.



Nyuma y'amasaha y'ububabare, Yesu aravuga ati, "Birarangiye," arapfa.



Inshuti zimushyingura mu mva itarahambwamo umuntu.



Abasirikare b'abaroma bafunga imva ya Yesu barayirinda.



Nta muntu
washoboraga
kujyamo
cyangwa
ngo avemo.



Iri iyo riba iherezo ry'inkuru, byari kuba bibabaje bingana iki.



Ariko Imana yakoze ikintu kiza cyane. Yesu ntiyaheranwe n'urupfu!




Mu cya kare mu gitondo cy'umunsi wa mbere w'icyumweru, ...

... bamwe mu ntumwa
za Yesu babonye
urutare
rwigijweyo
ku mva.



Igihe barebyemo imbere, Yesu nti yari akiri mo.



Umugore umwe yarasigaye, arira ku mva. Yesu aramwiyereka!



Yirutse n'ibyishimo ajya kubwira abandi bigishwa.




"YESU NI MUZIMA! YESU YAZUTSE MU BAPFUYE!"

Bidatinze Yesu asanga abigishwa, abereka inkovu z'imisumari mu biganza. Byari ukuri. YESU YARI MUZIMA NA NONE!



Yababariye Petero kubwo kumwihakana, abwira abigishwa be kubwira abantu bose ibye. Maze asubira mu ijuru aho yari yaraturutse kuri ya Noheli ya mbere.

Pasika ya mbere

inkuru yo mu Ijambo ry'Imana, Bibiliya

Yavuye mu gitabo cya

Matayo 26-28, Luka 22-24,
Yohani 13-21

"Guhishurirwa amagambo yawe bizana umucyo." Zaburi 119:130

Iherezo

Iyi nkuru itubwira iby'Imana yacu nziza yaturemye kandi ishaka ko tuyimenya.

Imana izi ko twakoze ibintu bibi, yita icyaha. Igihano cy'icyaha ni urupfu, ariko Imana iragukunda cyane kuburyo yohereje umwana wayo w'ikinege, Yesu, apfira ku musaraba maze ahanwa kubw'ibicumuro byawe. Hanyuma Yesu arazuka, ajya mu rugo mu ijuru! Niba wizera Yesu kandi ukamusaba imbabazi z'ibyaha byawe, azabikora! Azaza, abe muri wowe, kandi uzabana nawe ubuzira herezo.

Niba ushaka kuva mu
byaha byawe, bwira Imana uti:
Ku nshuti yanjye Mana, Nizera ko Yesu ari jye yapfiriye kandi ko uyu munsi ari muzima. Ndakwinginze ngwino mu buzima bwanjye, mbabarira ibyaha byanjye, kugira ngo none aha mbashe kubona ubuzima bushya, kandi umunsi umwe nzaze kubana nawe ubuzira herezo. Mfasha kukumvira no kubaho ku bwawe nk'umwana wawe. Amina.

Soma Bibiliya maze uvugane n'Imana buri munsi! Yohani 3:16